



## CONFERENCE EPISCOPEALE DU RWANDA

Secrétariat Général

B.P. 357 Kigali / Rwanda

Tél. : (+250) 252 575 439

E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

### ITANGAZO RIVUGURUZA AMAKURU Y'IMPUHA ITANGAZAMAKURU RYITIRIRA NKANA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO KU MITERERE N'INTEGO BY'UMURYANGO USHINGIYE KU ISEZERANO HAGATI Y'UMUGABO N'UMUGORE


Bakristu, Bavandimwe, Bantu mwese mufitiye inyota ukuri n'ubutungane nk'inkingi z'amahoro arambye hagati y'abantu b'ingeri zose. Nyuma yo gusesengura amakuru yacicikanye muri iki cyumweru dushoje, aho bimwe mu bitangazamakuru byatwerereye Nyirubutungane Papa Fransisko ibyo atigeze avuga mu by'ukuri ku birebana n'ababana bahuje igitsina, Ubuyobozi bwa Kiliziya Gatolika mu Rwanda burabamenyeshya ibi bikurikira:

1. Kunoza, gutangaza cyangwa guhindura inyigisho ku kwemera gatolika<sup>1</sup> bifite inzira zizwi binyuramo n'uburyo bimenyekanishwa, si mu kiganiro n'umunyamakuru runaka;
2. Birashoboka ko mu bamamaza izo mpuha haba harimo abataramwumvise neza, abasemuye ukutari ko mu ndimi zinyuranye, ariko wenda hari n'ababikoze nkana bagambiriye kuyobya Abakristu no kumuvugisha ibyo bo bifuzwa ku mpamvu zabo bwite zidafitanye isano n'ukwemera gatolika;
3. Ikibigaragaza ku buryo budasubirwaho ni ukuntu bakomatanyirije hamwe ibyo yavuze kuri iyo ngingo y'ababana bahuje igitsina mu bihe bitandukanye n'ahantu hanyuranye ndetse n'ibyo mu gihe yari ataraba Papa nk'aho byaba bikubiye mu kiganiro kimwe rukumbi;
4. Papa Fransisko ntashyigikiye na busa abagabo babiri cyangwa abagore babiri babana nk'umugabo n'umugore kuko binyuranyije na kamere muntu, bikaba bihabanye n'amahame ya Kiliziya Gatolika ndetse bitabasha kungura umuryango mugari w'abantu haba mu burumbuke cyangwa mu ihirwe nyaryo umutima wa muntu wifuzwa;
5. Bene ayo mahitamo ni icyaha Kiliziya Gatolika itahwemye kwamagana. Icyakora Imana ntitererana abanyabyaha. Icyo Papa Fransisko avuganiraho ababana bahuje igitsina ni uburenganzira bwo kubaho mu miryango yabo bavukamo ntibahozwe ku nkeke. Ikindi ni ukubaba hafi no kubafasha nk'abanyantegenke nyine mu guhindura imyitwarire no kunganirwa mu kuri n'urukundo;

Bakristu, Bavandimwe, nimuhumure rero kandi ntimugire ubwoba ahubwo nimube maso ndetse mukomere mu kwemera kwanyu. Dushoje tubaragiza Bikira Mariya Umubyeyi wa Kibeho.

Bikorewe i Kigali, ku wa 24 Ukwakira 2020

✠ **Filipo RUKAMBA,** + *Rukamba*  
Umushumba wa Diyosezi ya Butare na  
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda



<sup>1</sup> Cf. *Catéchisme de l'Eglise Catholique*, n° 2357-2359.